INKUNGA YA ASSOCIATION BENERWANDA ONLUS KUBAZAHAJWE N'UMUTINGITO B'I MIBIRIZI

Hashize hafi amezi atatu,mu ntara y'i Burengerazuba mu Karere ka Rusizi na Nyamasheke bazahajwe n'umutingito wamaze igihe kitari hasi y'i cyumweru maze ukangiza ibintu byinshi ndetse n'ubuzima bw'abantu bukahangirikira.

Ayo ni amwe mumazu yo mumugi wa Kamembe yangirijwe n'umutingito.

Inzu zimwe zagiye zisenyuka kuburyo budasubirwaho(cyane cyane izubatse mu matafari ahiye),

hakaba n'izindi zasenyutse mu rugero, zishobora gusanurwa (cyane cyane izo mubiti n'ibyondo)

ABAFASHIJWE NA ASSOCIATION BENERWANDA Onlus

Ku nkunga y'abagiraneza ba association BENERWANDA Onlus, ingo eshatu z'abatishoboye basenyewe n'umtungito batewe inkunga.

Abo ni MUKANDATINYA Annonciata, MUKANTABANA Taciana na UHORANINGOGA Wilbrold.

Abo bose batuye mu mudugudu wa Kagikongoro, Akagali ka Karemereye, umurenge wa Gashonga, akarere ka Rusizi, intara y'Uburengerazuba aho abenshi bazi ku izina rya Mibirizi.

1. MUKANTABANA Taciana

Ni umupfakazi wa Genocide. Afite abana batatu bato biga ishuri babana mu rugo.Yasenyewe n'umutingito.Twasanze amaze iminsi agerageje gushaka aho aba yikinze. Iyi nkunga yamukuye ahaga, (yaramushimishije cyane) kuko atarafite aho atekera, n'akazu yubatse akaba ari gato cyane.

Iyi nkunga ahawe izamufasha kubaka Igikoni. Azanagerageza kwagura kariya kazu arimo ubungubu.

2. UHORANINGOGA Wilbrold.

Ni Umusaza w'imyaka 55. Afite urugo rw'abantu 6. Ni umukene utifashije.

Yasenyewe n'umutingito. Inzu ye nini yarahengamye (apfa kuyibamo gutyo) naho igikoni cyarangiritse cyane kuburyo iyi nkunga igiye kumufasha kubaka igikoni n'inzu y'amatungo.

NB: kubera ko iyi nkunga itatuma yongera kubaka bundi bushya, yifuje kubanza kugura inka yo korora hanyuma ikazamufasha kubaka inzu nini.



imbere y'inzu ye.

Iki ni ikikoni cyasenyutse yari ari kuvugurura inzu ye nini

3.MUKANDATINYA Annonciata

Ni umupfakazi wa Genocide afite urugo rw'abantu 7.

Afite imyaka50

N'ubwo inzu ye itasenyutse byo kugwa hasi,ifite ubusembwa bukomeye, kuburyo ari ngombwa kongera gutangirira kuri zero.

Kubera ushobozi buke aracyakomeza kuyibamo. Iyi nfashanyo igiye kumufasha kugira icyo akora.

Iyo ni inzu ntoya ya Annonciata.

N'inzu nini nayo yarangiritse bihagije!

ABAFASHIJWE BOSE BARASHIMA!

Bene gufashwa barishimye cyane kandi barashimira inkunga benerwanda onlus yabagejejeho. Bayijeje ko iyi nkunga itazabapfira ubusa, ko iziye igihe. Ni urwibutso rutazibagirana kuri bo. Bati Murakoze cyane kandi bitubere urugero bw'ubumwe n'ubufatanye biranga abanyarwanda aho bari hose. Imana ibahe umugisha.

Murakoze!